



---

IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAME  
JEANNETTE KAGAME KU MUNSI  
MPUZAMAHANGA WAHARIWE UMWANA  
W'UMUKOBWA

---

MUSANZE, INTARA Y'AMAJYARUGURU



KU WA 11 UKWAKIRA 2022

**Bana bacu,**

**Bavandimwe mutuye Intara y'Amajyaruguru,**

**Bayobozi namwe Bafatanyabikorwa bacu**

**Dear Esteemed Partners,**

**Mugire amahoro!**

Mu minsi ishize twari muri iyi Ntara, turi kumwe n'inshuti z'u Rwanda mu gikorwa giteza imbere ubukerarugendo.

Twongeye guhuzwa n'abana bacu twizihiza, kuri uyu muni mpuzamahanga w'Umwana w'Umukobwa no guhemba "Inkubito z'Icyeza"!

Uko umuntu ageze muri iyi Ntara, urugwiro rw'abayituye rutuma asusuruka, maze imbeho y'ibirunga ntayumve!

Mumfashe tubashimire.

Uyu muni, u Rwanda rwifatanije n'isi yose, mu kwizihiza Umuni Mpuzamahanga w'Umwana w'Umukobwa, ku nshuro ya 10.

Kuba harabayeho umuni wihariye ku mwana w'umukobwa, ntabwo ari ukwirengangiza umwana w'umuhungu! Ahubwo, ni umwanya wo gusuzuma intambwe tumaze gutera, no kugaruka ku mbogamizi zikigaragara zibangamira umukobwa, mu rugendo rumwe na musaza we.

Kubera ibihe byo guhangana n'icyorezo cya KoronaVirusi, ntitwabashije guhamba abana b'abakobwa batsinze neza ibizamini bisoza ibyiciro by'amashuri abanza, icyiciro rusange, n'amashuri yisumbuye, mu mwaka w'amashuri 2020 na 2021. Twaje kubizihiza uyu munsi.

Mumfashe tubashimire.

**Bavandimwe Babyeyi,**

**Bayobozi namwe Bafatanyabikorwa bacu,**

Nifuje kumenya icyo uyu munsi uvuze ku bana bacu b'abakobwa, nganira nabo maze bambwira byinshi nifuje kubasangiza:

- Ku Bakobwa bacu, ubibutsa ingufu bifite mo n' imihigo bageraho buri munsi. By'umwihariko, bagatekereza inzira ibaganisha ku kuba Umunyarwandakazi uhamye kandi ushoboye.
- Kuri bo, babona ko ari ab'agaciro mu miryango yacu, kandi ko n'ingorane bahura nazo, zitugaragarira twese.
- Kuba dufata uyu mwanya, tugafatanya nabo gutekereza ku iterambere ryabo, babiha agaciro kanini.
- Ni umwanya kandi ubibutsa ko badakwiye kureba hafi, ahubwo inzozo zabo zigomba kwaguka zikagera kure.

**Bana bacu, ibyo mutekereza kuri uyu munsi, ni byo ababyeyi, imiryango yanyu n'igihugu cyacu tubifuzaho.**

Uyu munsi kandi turizihiza Inkubito z'Icyeza. Aba ni abana b'Abakobwa batsinze neza mu myaka ibiri ishize, tutabashije kwizihiza kubera ibihe by'icyorezo twari duhanganye nabyo.

Inkubito z'Icyeza, ni izina Umuryango Imbutu Foundation wahaye aba bana b'abakobwa, nyamara buri wese ashobora kuba Inkubito y'icyeza n'Ishema ry'Abakobwa.

### **Bakobwa bacu,**

Kuba Inkubito y'icyeza n'ishema ry'abakobwa- ***“The Best Performing Girl”***:

- Ni ikimenyetso cy'intsinzi n'ubushobozi mwifitemo.
- Ni ishema kuri mwe ubwanyu, barumuna na bakuru banyu, ababyeyi n'abarezi banyu.
- Ni igihango cyo kudatezuka ku ntego yo kugera kure, no gukomeza kuba intangarugero, haba ku ishuli ndetse no mu miryango yanyu.

Mu cyongereza bagira bati: ***“Shoot for the moon. Even if you miss it, you will land among the stars”***. Ngenekereje mu Kinyarwanda, bishatse kuvuga ngo: ***“Uzitere Intambwe yawe ugamije kugera kure! N'iyu hagira ikigukoma imbere ntuhagere, uzaba utakiri aho wahereye.”***

Mujye mubitekereza iteka.

## **Babyeyi bavandimwe**

### **Bayobozi namwe bafatanyabikorwa,**

Mu guteza imbere uburezi bw'umwana w'umukobwa, hari intambwe imaze guterwa, n'ubwo tugifite urugendo:

- Igihugu cyacu, cyahaye abana bose amahirwe angana yo kwiga;
- Abakobwa bashishikarijwe, kandi bitabira kwiga amashuri y'ubumenyi, ikoranabuhanga n'amashuri y'ubumenyingingiro;
- Icyumba cy'umukobwa mu mashuri, serivisi z'ubuzima bw'imyororokere mu bigo nderabuzima n'iby'urubyiruko, bifasha abana bose kugira amakuru ku buzima bwabo, no kubona serivisi zibanogeye;
- Abana b'Abakobwa bacu bahabwa urukingo rubarinda Kanseri y'Inkondo y'Umura.

## **Bana bacu**

### **Babyeyi bavandimwe**

### **Bayobozi namwe bafatanyabikorwa,**

N'ubwo hari intera yagezweho, hari ibyo dukwiye kongeramo ingufu:

- Abahungu n’abakobwa bagana ishuri koko, ariko wareba ikigero cy’abatsinze ku manota ari hejuru umubare w’abakobwa ukagabanuka<sup>1</sup>.
- Imyaka baba bagezemo, igira impinduka nyinshi mu mikurire n’imitekerereze. Ku bana bose, habaho byinshi bibarangaza kimwe, ariko ku bakobwa bikagira umwihariko.
- Muri iyi minsi kandi tubona ibibazo bamwe muri mwe bahura nabyo, bijyanye n’ikoreshwa ry’inzoga n’ibiyobyabwenge! Numvise bigira n’amazina adasanze! Hakaba n’ukuntu urungano ruhererekana amakuru y’aho biri, ndetse n’aho bitangirwa ubuntu, nyamara ari ukubashuka ngo bangize ubuzima bwanyu.

**Nagira ngo mbasabe, muzatwigire uburyo mwakoresha bwo kunezerwa, mudakoresheje ibyo biyobyabwenge n’inzoga cyangwa kwishora mu ngeso mbi.**

- Ikindi kibazo kibangamiye cyane abana b’abakobwa, ni ihohoterwa ribakorerwa, bakabyara bakiri bato, nabo bakeneye kurerwa.

---

<sup>1</sup>45.8% by’abakobwa 53.2% by’abahungu mu 2021.

N’ubwo imibare itwereka ko mu myaka itanu ishize, twavuye ku bana barindwi (7%), ubu tukaba tugeze kuri batanu ku ijana (5%)<sup>2</sup>, aba ni abana bacu bagihohoterwa, si umubare gusa!

## **DUKORE IKI?**

### **KUKI IBI BIBAZO BIDAKEMUKA?**

Abashakashatsi bagaragaza ko, iyo ushaka kurera no kugira abantu bafite umutima-muntu (*compassion*), ubitangira iyo abana ari bato, bafite imyaka iri munsu y’itandatu!

Aho wenda, ntihari aho twarangaye, bigatuma hari ababuze ubumuntu?

Kuko guhohotera umuntu, by’umwihariko umwana, ntekereza ko haba habuze ubumuntu!

### **Babyeyi bavandimwe,**

Munyemerere uyu munsu ngire icyo nisabira ababyeyi b’ abagabo ndetse n’ abahungu bacu:

Ubushakashatsi bugaragaza ko, iyo Ababyeyi b’Abagabo bagize uruhare mu kurera abana cyane cyane Abangavu bigira umusaruro mwiza.

### **Ababyeyi b’abagabo muri hano n’abadukurikiye:**

---

<sup>2</sup> (DHS, 2015-2020),

- Mwari muzi ko mufite uruhare rukomeye mu mikurire y’abana banyu mu gihagararo, mu mitekerereze, no mu buzima bwabo bw’imyororokere?
- Ni mwe shusho ya mbere umwana w’umukobwa abonamo umugabo nyawe. Iyo ababonyeho urwo rugero rwiza, bimufasha kumenya guhitamo neza.
- Iyo ari mwe mubabwiye amayeri n’imyitwarire mibi y’ababashuka, babyumva neza kurushaho. Cyane cyane ko muba mufite n’ingero zifatika. Kuganira na bo no kubatega amatwi, bibubakamo imbaraga zidasanzwe.
- Uruhare rwanyu rufatika, si ukubaha amafaranga, umurima n’ibindi.  
Ibi bigira ingaruka ku bana bose, noneho ku mwana w’umukobwa bikarushaho, iyo agize ibyago byo guhura n’umugabo ushobora gukoresha ubwo bubasha, agamije kumugirira nabi.

**Nagirango rero mbasabe, mudufashe uruhare rwanyu rugaragare!**

**Kandi turabizeye kuko tuzi ko nta cyabananira nk’abagabo.**



Mu mwaka wa 2020, twizihiza uyu munsu, twemeranyijwe gushaka ingamba zidasanzwe, zo guhangana n'iki kibazo cy'abangavu baterwa inda.

Ndongera gusaba ko twakomeza gushaka umuti urambye kandi ureba imfuruka zose z'iki kibazo.

Munyemerere ngaruke by'umwihariko ku bana b'abangavu bahohotewe.

Bana bacu, muhumure! Tuzakomeza kubaba hafi no kubarengera. N'ubwo tuzi ko bigoye, ntimuzatinye kugaragaza amarangamutima yanyu n'uko mwiyumva kugira ngo muhabwe ubufasha aho bikenewe. Abiyemeje gukomemeza amasomo, tubifurije intsinzi. Abatarabasha kwiyakira no kwiyubaka, namwe tuzakomeza kubaba hafi.

**Dear Esteemed Partners,**

As I conclude my remarks, allow me to express my sincere appreciation for your commitment. Our partnership has been deeply enriching, and invaluable in our support of healthy families. I am eager to see what the future holds for our collaboration, and look forward to more years of empowering our cherished communities.

Sinasoza ntabwiye abana bose, abakobwa n'abahungu ko tubakunda! Ubuzima bwiza bwanyu ni intego yacu, kandi ikaba n'iyanyu.

Mbifurije kugira umunsi mwiza w'Umwana w'Umukobwa.

**Mugire amahoro.**

